REPUBULIKA YU RWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
BP 2197 KIGALI

ITANGAZO N° 013/CSM/2022 RY'IMYANYA Y'AKAZI

Urukiko rw'Ikirenga ruramenyesha abantu bose bujuje ibisabwa kandi babyifuza ko, hari imyanya mirongo itanu (50) y'abanditsi b'Inkiko z'Ibanze bagengwa n'amasezerano y'umurimo, ipiganirwa.

Ibisabwa rusange k'ushaka gupiganwa:

1) Kuba ari umunyarwanda;
2) Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3) Kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Ao) mu by'amategeko;
4) Kuba adafite ubumuga bwo mu mutwe bwatuma adashobora gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inkiko, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
5) Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mboneragihugu n'ubwa politiki;
6) Kuba atarigeze ahanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu cyabaye ndakuka;
7) Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;
8) Kuba atarangwaho amacakubiri ayo ari yo yose;
9) Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze uretse igihe bigaragaye ko yarenganye byemejwe n'urukiko;
10) Kuba atarataye umurimo cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarahagaritswe by'igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
11) Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta;
12) Kuba ari inyangamugayo;
13) Kuba atabogama;
14) Kuba atavugirwamo.

Ibindi bisabwa: Kuba azi gukoresha ikoranabuhanga.

Uwifuza ako kazi, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza; ibaruwa ikoherezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Urukiko rw'Ikirenga kuri *"email"*: **job@judiciary.gov.rw**, iherekejwe n'inyandiko zikurikira:

- umwirondoro wuzuye (CV)
- kopi y'impamyabumenyi isabwa iriho umukono wa Noteri
- kopi y'indangamuntu cyangwa ikiyisimbura
- icyemezo cy'uko atigeze ahanishwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6)

Dosiye yoherezwa mu buryo bukurikira:

- Dosiye yoherezwa kuri *"email"*: **job@judiciary.gov.rw**
- Inyandiko zose zigomba koherezwa ziri muri PDF
- Dosiye yoherezwa inshuro imwe kandi irimo inyandiko zose zisabwa
- Ahanditse impamvu (subject), hagaragazwa umwanya usabwa

Kwakira dosiye, bizakorwa kugeza kuwa kabiri, ku itariki **16/08/2022** saa kumi n'imwe (5pm).

Kigali, kuwa 02 AUG 2022

MUKANDAMUTSA Josephine
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

URUKIKO RW'IKIRENGA
REPUBULIKA Y'U RWANDA